REPUBULIKA Y'URWANDA

INTEKO NYARWANDA Y'URURIMI N'UMUCO
B.P. 5796 KIGALI - RWANDA
Imeri: info@ralc.gov.rw
Urubuga: www.ralc.gov.rw

Ku wa 11 Gashyantare 2020.

"ITANGAZO RIGENEWE ABANYAMAKURU"

U RWANDA RUGIYE KWIZIHIZA UMUNSI MPUZAMAHANGA W'URURIMI KAVUKIRE 2020

U Rwanda rugiye kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Ururimi Kavukire ku nshuro ya 17. Ibirori by'uwo Munsi bizabera mu Ntara y'Iburasirazuba mu Karere ka Kirehe ku wa Gatanu tariki ya 21 Gashyantare 2020. Uyu mwaka insanganyamatsiko iragira iti: "*Dukoreshe Ikinyarwanda kinoze twese*".

Mu bizaranga ibirori byo kwizihiza uyu Munsi harimo guha umwanya ururimi shami rw'Ikinyarwanda rukoreshwa mu Karere ka Kirehe, aho ibyo birori bizaberamo ruzwi nk'"*Ururashi*", imbyino, indirimbo gakondo n'ubutumwa bw'abayobozi.

Mu Rwanda, kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Ururimi Kavukire bigamije kurengera ubusugire bw'Ikinyarwanda nk'ingombyi y'umuco n'ubumwe by'Abanayarwanda, kugihesha agaciro nk'ururimi ruhuza Abanyarwanda no gukangurira Abanyarwanda b'ingeri zose gukunda, kuvuga neza, kwandika neza, guhanga mu Kinyarwanda no gusigasira indimi shami.

Uyu mwaka, kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Ururimi Kavukire bijyanye no kurushaho kwita ku Kinyarwanda, gutekereza ku kamaro kacyo, buri wese agahagurukira kugikoresha neza mu byo avuga no mu byo yandika.

Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco irashishikariza Abanyarwanda gusigasira Ikinyarwanda nk'umurage ntagereranywa. Ikinyarwanda ni ururimi kavukire, rukaba umurage uhuza Abanyarwanda. Abanyarwanda bafite amahirwe yo kuba bose bumva kandi bakavuga ururimi rumwe rwabo kavukire, bagasabana, bakanarukoresha mu bikorwa byabo bya buri munsi.

Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Bumenyi, Uburezi n'Umuco (UNESCO) ni ryo ryashyizeho Umunsi Mpuzamahanga w'Ururimi Kavukire mu wa 1999 nk'uko bigaragara mu mwanzuro 30C/62 w'Inama Rusange yaryo yo mu kwezi k'Ugushyingo 1999. Inama Rusange y'Umuryango w'Abibumbye na yo mu mwanzuro wayo A/RES/61/266 wo muri Gicurasi 2000,

yashyigikiye ko itariki ya 21 Gashyantare iba Umunsi Mpuzamahanga w'Ururimi Kavukire. Ni mu rwego rwo gushyigikira indimi z'abatuye isi kubera ko hari izigenda zicika cyangwa zizimira kandi zihatse ubumenyi butandukanye no guteza imbere ubusabane n'ubumwe by'abatuye isi kuko ururimi kavukire ari umuyoboro w'ubumwe n'ubusabane bw'abatuye igihugu.

Mu kurushaho guha agaciro ururimi rw'Ikinyarwanda no kurwitaho, Leta y' u Rwanda yashyizeho Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco mu wa 2010. Uru rwego rufite inshingano zo kurengera ururimi rw'Ikinyarwanda, kurubungabunga no kuruteza imbere. Ni rwo kandi rushinzwe gukumira imikoreshereze idahwitse y'Ikinyarwanda, nk'uko bigenwa n'Itegeko N° 01/2010 ryo ku wa 29/01/2010 rigena Ishingano, Imiterere n'Imikorere by'Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco.

Mu Rwanda, Ikinyarwanda kemewe n'Itegeko Nshinga nk'ururimi rw'Igihugu ndetse n'urw'ubutegetsi. Indirimbo yubahiriza Igihugu na yo irubona nk'umurunga ubumbatiye ubumwe bw'Abanyarwanda, aho igira iti:"…Ururimi rwacu rukaduhuza".

Ku bindi bisobanuro, mwabaza:

Bwana Nsanzabaganwa Modeste, Umuyobozi w'Ishami ry'Ururimi.

(+250) 788 478 073 / 0738 478 073.

Bikorewe i Kigali, ku wa 11 Gahyantare 2020.

INTEKO NYARWANDA Y'URURIMI N'UMUCO

NSANZABAGANWA Modeste
Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umusigire